# 409: Yes' aradubamagara

---

1. Yes' aradubamagara ,Ati : Nimubyuk' ubu :
   Ibisarurwa bireze,Unsarurira ni nde ?
Uhamagawe na Yesu:Ni wow' ubwaw' ashaka !
Umwitabish' umutima. Uti : Mwami, nyakira !

2. Ntuzahere kure cyane Kwamamaz' ibya Yesu :
   Abaguye bari hafi,N'abazimiye na bo.
Umurim' uradutota;Dufit' umwete muke.
N’ ubur' integ' umusange, Uti : Mwami, mfash' ubu !

3. Nubw' utazi gushyomoka Kuk' utar' umuhanga,
   Hamya gusa ko wamenye Ko Yes' ababarira.
Ujy'ubwir' abandi bose Ibyo yagukoreye;
Nuk' umwinging' agufashe, Uti: Mwami, nyigisha !

4. Hataboneka muri twe Uvuga kw ananiwe !
   Udushoboza ni Yesu Gukund’ ibyiza byose.
Dukor’ iyo mirimo ye N'urukundo n'umwete,
Maz’ ishize, tuzavuge, Tuti :Mwam' utwakire !

Visit us at burundi.indirimbo.com